# AMABWIRIZA AKURIKIZWA MU KUZUZA IFISHI IHEREKEZA INYANDIKO ZITANGWA MURI IRMCT

**Ibiro bishyikirijwe inyandiko:** Garagaza niba inyandiko ishyikirijwe Ibiro bya Gerefiye wa IRMCT, Ishami ry’Arusha cyangwa iry’i Lahe kugira ngo biyitange, ushyira akamenyetso mu kazu gateganye n’ahanditse Ishami bireba. Ibibazo bijyanye n’imanza zaburanishijwe na TPIR bigomba gushyikirizwa Ishami ry’Arusha naho ibijyanye n’izaburanishijwe na TPIY bigashyikirizwa Ishami ry’i Lahe.

**Utanze inyandiko :** Garagaza niba inyandiko itanzwe n’Ingereko, Ubwunganizi, Porokireri cyangwa abandi (Ibiro bya Gerefiye, Abayobozi bo mu gihugu, Incuti y’Urukiko, n’abandi), ushyira akamenyetso mu kazu bireba. Mu mwanya uri munsi y’akazu washyizemo akamenyetso, andika amakuru ya ngombwa yerekeranye n’utanze inyandiko. Ibi ni ngombwa iyo aho akamenyetso kashyizwe ari mu kazu gateganye n’ahanditse “Abandi”. Si ngombwa gushyiraho izina nyakuri ry’utanze inyandiko.

**Urubanza :** Garagaza izina ry’urubanza inyandiko igenewe gutangwamo. Muri rusange, ni izina ry’umuntu cyangwa abantu baregwa/bakatiwe/ byemejwe ko ari abere cyangwa bafunguwe, muri urwo rubanza. Iyo inyandiko igenewe gutangwa mu manza nyinshi, uyitanze agomba kuvuga amazina y’imanza zose bireba.

**Nomero y’urubanza:** Garagaza nomero y’urubanza inyandiko igenewe gutangwamo. Niba inyandiko igomba gutangwa manza nyinshi, uyitanze agomba kwandika amanomero y’imanza zose bireba. Niba utazi nomero y’urubanza, baza Ibiro bya Gerefiye ku Ishami rya IRMCT bireba kuri imeyiri (JudicialFilingsArusha@un.org cyangwa JudicialFilingsHague@un.org).

**Itariki inyandiko yakoreweho :** Garagaza itariki inyandiko yakoreweho. Iyo tariki iba ari imwe n’igaragara kuri iyo nyandiko/itariki inyandiko yashyiriweho umukono n’umuntu cyangwa urwego ruyitanze.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**Itariki inyandiko itangiweho :** Garagaza itariki Ibiro bya Gerefiye bishyikirijweho inyandiko kugira ngo biyitange (Ubusanzwe, iyo tariki iba ari iyo ifishi iherekeza inyandiko yujurijweho). Ayo makuru agomba gutangwa, byanze bikunze, kabone n'iyo itariki inyandiko yakoreweho ari imwe n'iyo itangiweho.

**Umubare w'amapaje :** Garagaza umubare w'amapaje agize inyandiko Ibiro bya Gerefiye bishyikirijwe kugira ngo biyitange, harimo na paje ibanziriza andi n'imigereka (Iyo ihari), ariko hatabariwemo ifishi iherekeza inyandiko. Hashobora kongerwaho ibisobanuro bimwe na bimwe nko kuvuga niba inyandiko igenewe gutangwa ifite imigereka iri mu rwego rw'umutekano rutandukanye n'urwo iyo yandiko y'ibanze irimo.

**Umwimerere:** Garagaza ururimi inyandiko y'umwimerere yanditsemo ushyira akamenyetso mu kazu bireba. Shyira akamenyetso mu tuzu twose niba iyo nyandiko igomba gutangwa mu ndimi zinyuranye.

**Umutwe w'inyandiko:** Garagaza umutwe wuzuye w'inyandiko igenewe gutangwa. Uwo mutwe ugomba kuba umeze kimwe n'umutwe ugaragara kuri paje ibanziriza andi.

**Urwego rw'umutekano w'inyandiko:** Utanze inyandiko agomba kugaragaza urwego rw'umutekano w'inyandiko zose ahitamo hagati ya 1) inyandiko itari ibanga cyangwa 2) inyandiko y'ibanga.

- Shyira akamenyetso mu kazu gateganye n'ahanditse "Inyandiko itari ibanga" niba abandi bantu batari ababuranyi bemerewe kugera kuri iyo nyandiko.
- Shyira akamenyetso mu kazu gateganye n'ahanditse "Inyandiko y'ibanga" niba abandi bantu batari ababuranyi batemerewe kugera kuri iyo nyandiko.

**Icyitonderwa :** Iyo inyandiko ifite Imigereka iri mu rwego rw'umutekano rutandukanye n'urwo inyandiko y'ibanze irimo, ni ngombwa kuzuza indi fishi iherekeza Imigereka.

**Inyandiko ifite abo itagomba kumenyeshwa :** Iyo hari umuburanyi umwe cyangwa ababuranyi bamwe batemerewe kugera ku nyandiko, ni ngombwa gushyira akamenyetso mu kazu cyangwa mu



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

tuzu duteganye n'ahanditse "Inyandiko ifite abo itagomba kumenyeshwa". **Shyira akamenyetso mu tuzu twose bireba** kugira ngo werekane umuburanyi na/cyangwa ababuranyi **batagomba kugera kuri** iyo nyandiko. Nk'urugero, niba inyandiko itanzwe n'undi muntu utari umuburanyi kandi Porokireri cyangwa Ubwunganizi (Harimo uregwa/uwakatiwe/uwo byemejwe ko ari umwere/uwafunguwe) batagomba kuyigeraho, mu kazu gateganye n'ahanditse "Ntigomba kumenyeshwa Ubwunganizi" no mu gateganye n'ahanditse "Ntigomba kumenyeshwa Porokireri", hombi hagomba gushyirwa akamenyetso. Niba inyandiko yerekeranye n'ikibazo cyatumye hashyirwaho Incuti y'Urukiko kandi iyo Ncuti y'Urukiko ikaba itemerewe kugera kuri iyo nyandiko, mu kazu gateganye n'ahanditse "Ntigomba kumenyeshwa Incuti y'Urukiko" hagomba gushyirwa akamenyetso. Mu kazu gateganye n'ahanditse "Ntigomba kumenyeshwa undi muburanyi/abandi baburanyi" hagomba gushyirwa akamenyetso gusa iyo hari undi muburanyi bireba utari mu bavugwa mu tundi tuzu duteganye n'ahanditse ababuranyi batagomba kumenyeshwa inyandiko. Iyo, mu buryo bweruye, hari umuburanyi utagomba kumenyeshwa inyandiko, agomba kuvugwa. Ikibazo cyose cyerekeranye n'iki gice cy'ifishi iherekeza inyandiko kigomba gushyikirizwa Ibiro bya Gerefiye wa IRMCT ku Ishami bireba.

**Ubwoko bw'inyandiko :** Garagaza ubwoko bw'inyandiko igenewe gutangwa ushyira akamenyetso mu kazu bireba. Kuri buri nyandiko, akamenyetso kagomba gushyirwa mu kazu kamwe.

**Ibyerekeranye n'isemura :** Uwohereje inyandiko agomba kumenyesha Ibiro bya Gerefiye niba ari ngombwa ko isemurwa. Garagaza indimi zose wifuza ko inyandiko isemurwamo ariko ushyire akamenyetso muri kamwe gusa mu tuzu dukurikira ku byerekeranye n'isemura :

- Shyira akamenyetso mu kazu ko ku murongo wa 1 niba inyandiko idakeneye gusemurwa.
- Shyira akamenyetso mu kazu ko ku murongo wa 2 niba Ibiro bya Gerefiye bigomba gusemura inyandiko. **ni ngombwa gutanga inyandiko yo muri foruma ya Word iyo inyandiko igomba gusemurwa.**
- Shyira akamenyetso mu kazu ko ku murongo wa 3 niba ushyikirije Ibiro bya Gerefiye inyandiko y'umwimerere hamwe n'inyandiko isemuye kugira ngo zitangwe.
- Shyira akamenyetso mu kazu ko ku murongo wa 4 niba uteganya kuzatanga inyandiko isemuye nyuma.